# 131: Mwumv' imbabazi z'Imana

1.

Mwumv' imbabazi z'Imana : Ntabwo zarondoreka ! Mbeg’ umunyabyaha nkanjye Koko yababarirwa?

Ref:

Ndaje, Yesu ..ndakwitabye.. Uko ndi ko...s' unyemere Ndaje, Yesu ndakwitabye Mukiz’unyakire.

2.

Nari kure y'Uw' unkunda,Mbabaz' umutima we, Kuko namwimag' ahw aba Mu wanjye yapfiriye!

3.

None Yesu, ndakwihaye,Umbohor' undokore. Ibi byaha binyomaho, Non’uz' ubinkureho !

4.

Haleluya : yanduhuye ! Singishidikany' ubu ! Ndi mu nzir’ijya mw ijuru, Nuzuy’umunezero.

Visit us at indirimbo.com